**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME**

**MU GIKORWA CYO KUREMERA ABABYEYI BAGIZWE INCIKE NA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI,**

**AKARERE KA HUYE.**

**Umurenge wa Mukura, Ku wa 29 Kamena 2017**

**Babyeyi Bacu, Intwaza za Huye,**
**Banyacyubahiro muteraniye hano,**
**Banyamuryango ba Unity Club 'Intwararumuri',**
**Bavandimwe, Banyamuryango ba AVEGA,**
**Baturage batuye Akarere ka Huye by'umwihariko abatuye Umurenge wa Mukura,**

**Muraho neza!**

Turabashimira uko mwatwakiriye neza kandi tunejejwe cyane no kugaruka mu murenge wa Mukura, aho twaje kwifatanya namwe mu gikorwa cyo kuremera ababyeyi bacu ngo tubatuze heza.

Umwaka ushize mu kwezi kwa Nyakanga twari twaje mu gikorwa nk'iki. Abo twari kumwe murabyibuka ko twagaragarijwe ko hari ababyeyi barenga **100** bari bakeneye gutuzwa mu rugo nk'uru.
Ku nshuro ya 23 twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, Abanyarwanda turibuka dufite icyizere. Twebwe, turi n'abahamya ko ejo hazaza h'u Rwanda ari heza. Bimwe mu byo twavuga ni igikorwa twamurikiwe uyu munsi '***Impinganzima hostel***': inyubako itagira uko isa y'amasaziro, igiye gutuzwamo aba babyeyi.

**Babyeyi Bacu,**

Nubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yabamazeho abana n'imiryango, mwabaye intwari, mwihanganira ububabare bwo ku mubiri no ku mutima.

Kunyura mu byo mwanyuzemo, bigaragara nk'ibirenze ubwenge bwa muntu, mukongera guseka no gutaramana n'ababasanze, byasabye imbaraga n'ibitekerezo bya benshi bari bahangayikishijwe n'ubuzima bwanyu.

***Gukomera kwanyu, kwaduhaye imbaraga zo kubahoza!*** Ibi kandi byaduteye ishyaka ryo gukora ahacu, ahanyu n'ah'abanyu, ngo tubeho twese nk'Abanyarwanda bihesha **Agaciro**.

Twongeye kubashimira ubutwari mwagararaje. Mwaharaniye ko igihugu cyacu cyongera kwiyubaka, nubwo hari inzitizi nyinshi zashoboraga gutuma tutabigeraho, cyane ko abenshi twari dusigaranye bari abana bato nabo bakeneye guhozwa.

**Batumirwa turi kumwe uyu munsi,**

Muri iki gihe cy'iminsi 100 yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, birakwiye ko dusubiza amaso inyuma, tukareba aho igihugu cyacu cyavuye n'aho kigeze ubu, kugira ngo hato tutibagirwa tukirara.

Ibyo twishimira uyu munsi bimaze kugerahwo, birimo imibanire myiza, iterambere mu bukungu, ubutabera, ikoranabuhanga n'ibindi. Ibi byagezweho kubera gushyira hamwe n'ubwitange bw'Abanyarwanda, akaba ari yo mpamvu twese duhamagarirwa kubyitaho, ndetse no gukomeza kubiteza imbere, kuko ari igihango gikomeye dufitanye n'Igihugu cyacu.

Ubwo Nyakubahwa Umukuru w'Igihugu yatangizaga igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 23 Jenoside yakorewe Abatutsi, mu ijambo rye yagize ati: "*Abacitse ku icumu batakaje imiryango, ariko hari umuryango umwe batatakaje: **ni Igihugu cyabo**. U Rwanda ni umuryango w'abarokotse Jenoside, ni umuryango wa buri Munyarwanda".* Iri jambo ridusubizamo imbaraga zo kongera kubaho, tugacana urumuri rw'icyizere mu mitima yacu ndetse no mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Bafatanyabikorwa mwese**,

Munyemerere mfate uyu mwanya, namwe mbashimire ubwitange n'ishyaka mudahwema kugaragaza mu bikorwa byo gufasha aba babyeyi n'Abanyarwanda gukomeza kwiyubaka, turenga ibikomere twatewe n'amateka twanyuzemo.

Uyu muco w'ubufatanye tuwukomeze, tuwutoze abakiri bato, bizababafashe gukurana indangagaciro ndetse na kirazira tuvoma mu muco nyarwanda. Ibi bizababafasha kandi kuvamo Abanyarwanda bazima, bamenya gutabara aho rukomeye kandi bibwirije.

Dufatanyije, tumaze kubonera aba babyeyi amacumbi mu turere dutandukanye tw'Igihugu. Uru rugo twamurikiwe uyu munsi ruzatuzwamo ababyeyi b'***Intwaza*** bagera ku 100, tukaba twishimira uyu muhigo twesheje.

Ibi byakozwe bishingiye kuri politiki nziza ya Guverinoma y'Igihugu cyacu, mu bufatanye n'inzego zinyuranye zirimo FARG, AVEGA, CNLG, IBUKA, n'abandi nka BRD, BK, NAEB, RSSB, RURA, CIMERWA, MINADEF, RAB na HORIZON. Mumfashe abo bose twongere tubashimire.

Turashimira inzego z'ubuyobozi bw'ibanze dufatanya mu kumenya aba babyeyi mu gihe cyo kubatuza, ndetse no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

**Bavandimwe Ntwararumuri za Unity Club,**

Sinasoza ntabashimiye uruhare rukomeye mugira mu guharanira ko intego twihaye yo gushyigikira aba babyeyi bageze mu za bukuru tuyigeraho.
Mukomeze musakaze urumuri. Ku bufatanye n'inzego zose, ndetse n'abantu ku giti cyabo, duharanire ko aba babyeyi bagira imibereho myiza n'amasaziro meza.

Tuzirikane ko aba babyeyi ari twe bafite bo kubitaho, tugire ubushishozi mu kureba abakeneye ubufasha kurusha abandi ndetse n’igihe bageze muri uru rugo turusheho kubaba hafi, cyane cyane abaturanyi babo ba hafi.

Munyemerere nongere gushimira mwebwe mwese mwitabiriye iki gikorwa cyo kuremera ababyeyi bacu bageze mu za bukuru.

Dukomeze twibuke twiyubaka, twunga ubumwe nk’Abanyarwanda.

Murakoze, mugire umunsi mwiza.